# Khalai avugana n'ibihingwa

Ursula Nafula
Jesse Pietersen
Patrick Munyurangabo
2
Ikinyarwanda rw

Uyu ni Khalai. Afite impala irindwi. Izina rye risobanuye “umwiza” mu ururimi rwe, Lubukusu.

Khalai abyuka akavugana n’igiti cy’icunga. “Mbabarira giti cy’icunga, kura ubunini unaduhe amacunga ahiye menshi.”

Khalai ajya kw’ishuri. Munzira avugisha icyatsi. “Mbabarira cyatsi, kura uba icyatsi kurushaho kandi ntiwume.”

Khalai aca ku indabyo zagasozi. “Mbabarira ndabyo, komeza mushibuke (muzane indabyo) mbashyire mu umusatsi wange.”

Kw’ishuli, Khalai avugisha avugisha igiti hagati mu mbuga. “Mbabarira giti, mera amashami manini kugirango tuge dusomera mutsi y’igicucu cyawe.”

Khalai avugisha uruzitiro iruhande ry’ishuri rye. “Mbabarira ukure ukomere ukomere abantu ntibinshire.”

Iyo Khalai agarutse murugo kuva kw'ishuli, asura igiti cy'icunga. "Amacunga yawe yari yera?" Khalai arabaza.

Khalai ariruhutsa, “Amacunga yawe aracyari icyatsi.” “Nzakubona ejo giti cy’amacunga,” Khalai aravuga. “Wenda uzaba unfitiye icunga rihiye!”

# Global Storybooks

globalstorybooks.net

## Khalai avugana n’ibihingwa

Ursula Nafula
Jesse Pietersen
Patrick Munyurangabo

CC BY